RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2023** Taliki 24-29 Werurwe




**P1. EAPCCO Games 2023 :** Polisi y'u Rwanda yegukanye ibikombe 9

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **EAPCCO Games 2023 :** Polisi y'u Rwanda yegukanye ibikombe 9

P2 **Swimming :** Tuyisenge yatorewe kuyobora Komisiyo y'abakinnyi muri RSF

P3 **Basketball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

P3 **Amputee Football :** Uko imikino ya shampiyona yagenze

P4 **Cycling :** Niyonkuru Samuel yegukanye "Kivu Belt Race 2023"

P5 **Rally:** Mwami Muzamiru yegukanye Huye Rally 2023

P5 **CAN 2023:** Amavubi yongeye kunganya na Benin, Senegal yabonye itike

P6 **Cricket :** Challengers CC ikomeje kwitwara neza muri "Dafabet RCA T10 Men's Tournament 2023"

P7 **Swimming :** Ikipe ya Mako Sharks yatangije irushanwa rizakinwa mu byiciro bitatu

# 1 EAPCCO Games 2023 : Polisi y'u Rwanda yegukanye ibikombe 9

Kuva taliki 21 kugeza 27 Werurwe 2023 u Rwanda rwakiriye imikino ihuza ibihugu bigize umuryango w'abayobozi ba Polisi zo mu bihugu byo mu Karere k'Afurika y'Iburasirazuba "EAPCCO Games 2023" aho ikipe ya Polisi y'u Rwanda yasoreje ku mwanya wa mbere nyuma yo kwegukana ibikombe 9 mu mikino 13 yakinwe.

Uyu muryango ubusanzwe ugizwe n'ibihugu 14 ari byo u Burundi, Uganda, Tanzania, Kenya, Sudani, Sudani y'Epfo, Ethiopia, u Rwanda, Comoros, Seychelles, RDC, Somalia, Djibouti na Eritrea.

Imikino ya "EAPCCO Games 2023" ibaye ku nshuro ya 4 yari yitabiriwe n'ibihugu 8 birimo u Rwanda, u Burundi, Uganda, Tanzania, Kenya, Sudani, Sudani y'Epfo na Ethiopia.

Abakinnyi basaga 1250 mu bagabo n'abagore bitabiriye iyi mikino bahatanye mu mikino 13 irimo umupira w'amaguru "Football", Basketball, Volleyball, Volleyball yo ku mucanga "Beach Volleyball", Handball, Boxing, Taekwondo, Karate, Judo, Netball, Darts, Imikino ngororamubiri "Athletics" no Kumasha "Shooting".

Polisi y'u Rwanda yegukanye ibikombe 9 mu mupira w'amaguru "Football", Basketball, Volleyball, Volleyball yo ku mucanga "Beach Volleyball", Handball, Boxing, Taekwondo, Karate no Kumasha "Shooting".

Mu yindi mikino yakinwe, Polisi ya Kenya yegukanye igikombe mu mikino ngororamubiri "Athletics", Polisi y'u Burundi yegukana igikombe muri Judo, Polisi ya Tanzania yegukana igikombe muri Darts naho Polisi ya Uganda yegukana igikombe muri Netball.

Muri rusange, Polisi y'u Rwanda ni yo yaje ku isonga aho yegukanye imidali 91 harimo 45 ya zahabu, 21 ya Feza na 25 y'Umulinga. Kenya yaje ku mwanya wa kabiri n'imidali 88 harimo 28 ya Zahabu, 21 ya Feza na 39 y'Umulinga naho Uganda iza ku mwanya wa 3 aho yegukanye imidali 76 harimo 18 ya zahabu, 30 ya Feza na 28 y'Umulinga.

Iyi mikino ya "EAPCCO Games 2023" yari ibaye ku nshuro ya 4 yari ifite insanganyamatsiko igira iti: "Guteza imbere ubufatanye bwa Polisi mu kurwanya ibyaha byambukiranya imipaka binyuze mu mikino n'imyidagaduro".

Iyi mikino yatangiye gukinwa muri 2017 aho yabereye icyo gihe muri Uganda, muri 2018 ibera muri Tanzania naho muri 2019 ubwo yaherukaga kuba ibera muri Kenya. Muri 2019, Polisi y'u Rwanda yari yasoreje ku mwanya wa kabiri inyuma ya Kenya aho yegukanye imidali 46 muri rusange harimo 27 ya Zahabu, 6 ya Feza na 13 y'Umulinga.



# **Swimming :** Tuyisenge yatorewe kuyobora Komisiyo y'abakinnyi muri RSF

Taliki 25 Werurwe 2023, habaye inama y'ishyirahamwe ry'umukino wo Koga mu Rwanda "RSF" yari igamije gushyiraho za Komisiyo zitandukanye zirimo iy'abakinnyi,iy'ubuvuzi ndetse n'ishinzwe gutegura amarushanwa.

Mu Kuboza 2022, mu nama y'ishyirahamwe ry'umukino wo Koga ku Isi "World Aquatic" hemejwe ko buri shyirahamwe ry'umukino wo Koga rigomba gushyiraho Komisiyo y'abakinnyi "Athletes Commission" kugira ngo na bo bajye bagira ijambo mu bikorwa byose ndetse n'ubuvugizi.

Komisiyo y'abakinnyi muri RSF yatowe igizwe na Tuyisenge Yves (Perezida), Ishimwe Heritier (Visi Perezida), Kamana Thian (Umunyamabanga), Kirezi Epaphrodite na Irakunda Isihaka "Bebeto" (Abajyanama).

Nyuma yo gutorerwa kuyobora Komisiyo y'abakinnyi, Tuyisenge Yves ukinira ikipe ya Vision JN SC y'i Rubavu yatangaje ko kuba iyi Komisiyo itabagaho hari byinshi abakinnyi bahombaga birimo n'ubuvugizi mu byemezo bafatirwa.

Yakomeje asaba abakinnyi kujya begera iyi Komisiyo bakagaragaza imbogamizi n'ibibazo bafite hanyuma na bo babigeze ku buyobozi bwa RSF kugira ngo bibonerwe igisubizo.

**Komisiyo ishinzwe gutegura amarushanwa**

Iyi Komisiyo ifite inshingano yo gutegura amarushanwa atandukanye haba mu Biyaga "Open Water" ndetse no muri Pisine "Swimming Pool".

Abagize iyi Komisiyo ni Kamanzi Jean d'Amour (Perezida), Mutesi Djamilla (Visi Perezida), Umurerwa Mediatrice (Umunyamabanga), Mukunzi Emmanuel (Umujyanama), Niyomugabo Jackson (Ushinzwe ibijyanye na Tekinike, akaba n'Umujyanama) na Murangira Bosco (Ushinzwe abasifuzi).

**Komisiyo y'ubuvuzi**

Iyi Komisiyo ishinzwe by'umwihariko gukurikiranira hafi ubuzima bw'abakinnyi ndetse no kureba ko hari abakoresha imiti yongera ingufu.

Abagize iyi Komisiyo ni Dr. Kwihangana Prosper (Perezida), Dr. Zimurinda Alain (Visi Perezida), Niyomugabo Jean Claude (Umunyamabanga), Mpawenimana Ismael na Rusamaza Alphonse (Abajyanama).

Nyuma y'iki gikorwa,Perezida wa RSF, Girimbabazi Rugabira Pamela yatangaje ko ari ibyo kwishimira kuba babashije gushyiraho izi Komisiyo kuko hari hashize igihe babifite muri gahunda bikaba bigiye kubafasha mu iterambere ry'umukino muri rusange.



Tuyisenge Yves, Perezida wa Komisiyo y'abakinnyi muri RSF







## **Basketball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

Taliki 26 Werurwe 2023 habaye imikino ya shampiyona mu mukino wa Basketball y'icyiciro cya mbere mu bagore.

**Uko imikino yagenze**

FERWABA · RWANDA BASKETBALL LEAGUE · CHEETAH ENERGY DRINK

### RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - WOMEN'S DAY 7 RESULTS

**FIRST LEG**

SUNDAY 26/03/2023

| | | |
|---|---|---|
| GS GAHINI | 46-42 | GS MARIE REINE |
| REG BBC | 80-62 | RP IPRC HUYE |
| THE HOOPS RWA | 40-87 | APR BBC |

FERWABA · RWANDA BASKETBALL LEAGUE · CHEETAH ENERGY DRINK

### RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 WOMEN D1 | ROUND 1 RANKING 26/03/2023

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | REG BBC | 4 | 4 | 0 | 0 | 8 | 444 | 160 | 284 |
| 2 | APR BBC | 4 | 4 | 0 | 0 | 8 | 303 | 137 | 166 |
| 3 | RP-IPRC HUYE BBC | 4 | 2 | 2 | 0 | 6 | 303 | 240 | 63 |
| 4 | GS GAHINI BBC | 4 | 2 | 2 | 0 | 6 | 165 | 246 | -81 |
| 5 | GS MARIE REINE BBC | 4 | 2 | 2 | 0 | 6 | 230 | 192 | 38 |
| 6 | THE HOOPS RWA | 4 | 1 | 3 | 0 | 5 | 167 | 252 | -85 |
| 7 | UR KIGALI BBC | 4 | 1 | 3 | 0 | 5 | 129 | 335 | -206 |
| 8 | UR HUYE BBC | 4 | 0 | 3 | 1 | 3 | 122 | 301 | -179 |

PG: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE

## **Amputee Football :** Uko imikino ya shampiyona yagenze

Taliki 25 na 26 Werurwe 2023 Kuri Sitade Umuganda mu Karere ka Rubavu habereye imikino ya shampiyona mu mupira w'amaguru ukinwa n'abantu bafite ubumuga "Amputee Football Championship 2022-2023".

Mu bagabo habaye imikino y'icyiciro cya gatatu "Phase 3" naho mu bagore haba imikino y'icyiciro cya kabiri "Phase 2".

Biteganyijwe ko imikino cy'icyiciro cya nyuma "Final Phase" izaba muri Kamena 2023.

**Uko imikimo yagenze ndetse n'urutonde rusange**

### 2023 AMPUTEE FOOTBALL CHAMPIONSHIP

VENUE: RUBAVU DISTRICT · STADE UMUGANDA · 25-26 MARCH 2023

**PHASE THREE**



**MEN RESULTS**

| | | | |
|---|---|---|---|
| RUBAVU | 3-2 | NYAMASHEKE | |
| NYARUGENGE | 2-3 | MUSANZE | |
| HUYE | 3-0 | NYANZA | FORFEIT |
| KARONGI | 5-1 | NYAMASHEKE | |
| KARONGI | 1-1 | MUSANZE | |
| NYANZA | 0-3 | NYARUGENGE | FORFEIT |
| KARONGI | 0-0 | RUBAVU | |
| NYAMASHEKE | 3-4 | HUYE | |
| NYANZA | 0-3 | MUSANZE | FORFEIT |
| RUBAVU | 1-0 | NYARUGENGE | |

**PHASE TWO**



**WOMEN RESULTS**

| | | |
|---|---|---|
| NYANZA | 3-0 | RUBAVU |
| NYANZA | 3-1 | MUSANZE |

@npcrwanda | NPCRWANDA | NPCRWANDA official

### RWANDA AMPUTEE FOOTBALL NATIONAL LEAGUE 2022/2023

**MEN STANDINGS**

| P | Team | P | W | D | L | F | A | D | Pts |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | RUBAVU | 10 | 7 | 1 | 2 | 22 | 7 | 15 | 22 |
| 2. | KARONGI | 9 | 5 | 4 | 0 | 19 | 5 | 14 | 19 |
| 3. | MUSANZE | 9 | 5 | 3 | 1 | 18 | 7 | 11 | 18 |
| 4. | HUYE | 9 | 5 | 3 | 1 | 17 | 9 | 8 | 18 |
| 5. | NYARUGENGE | 9 | 3 | 1 | 5 | 15 | 15 | 0 | 18 |
| 6. | NYANZA | 9 | 1 | 0 | 8 | 2 | 23 | -21 | 3 |
| 7. | NYAMASHEKE | 9 | 0 | 0 | 9 | 8 | 35 | -27 | 0 |

**WOMEN STANDINGS**

| P | Team | P | W | D | L | F | A | D | Pts |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | NYANZA | 2 | 2 | 0 | 0 | 6 | 1 | 5 | 6 |
| 2. | NYARUGENGE | 2 | 1 | 1 | 0 | 6 | 2 | 4 | 4 |
| 3. | MUSANZE | 2 | 0 | 1 | 1 | 2 | 4 | -2 | 1 |
| 4. | RUBAVU | 2 | 0 | 0 | 1 | 1 | 8 | -7 | 0 |

@npcrwanda | NPCRWANDA | NPCRWANDA official

# **Cycling :** Niyonkuru Samuel yegukanye "Kivu Belt Race 2023"

Taliki 26 Werurwe 2023 mu Karere ka Rubavu habereye isiganwa "Kivu Belt Race 2023" ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" ku bufatanye n'Akarere ka Rubavu.

Iri siganwa ryitabiriwe n'abakinnyi mu byiciro bitandukanye, abakuru n'abato mu bakobwa n'abahungu.

Habaye kandi isiganwa ry'abakiri bato bari munsi y'imyaka 16 mu bahungu n'abakobwa aho basiganwe kilometero 42,6.

Mu bahungu Byusa Pacific (Les Amis Sportifs) yegukanye umwanya wa mbere akoresheje iminota 39 n'amasegonda 15 akurikirwa na Niyotwizera Lambert (Cine Elmay CC) wakoresheje iminota 39 n'amasegonda 38 naho ku mwanya wa 3 haza Gisubizo Issa (Les Amis Sportifs) wakoresheje iminota 41 n'amasegonda 53.

Mu bakobwa, Niyokwizerwa Clementine ni we wabaye uwa mbere akoresheje iminota 40 n'amasegonda 19, yakurikiwe na Ishimwe Françoise (53'20") naho ku mwanya wa gatatu haza Muramutsa Deborah (55'57"). Aba bose bakinira ikipe ya Bugesera CT.

Irushanwa rizakurikiraho ni iryo Kwibuka "Race to Remember 2023" rizaba muri Mata 2023.

**Uko isiganwa ryagenze**

**Abagabo (106, 5 km)**
**1.** Niyonkuru Samuel 02h40'45"
**2.** Muhoza Eric 02h40'45"
**3.** Tuyizere Etienne 02h42'12"

**Abagore (63, 9 km)**
**1.** Nirere Xaverine 01h54'51"
**2.** Mukashema Josiane 01h57'05"
**3.** Mwamikazi Djazilla 01h57'06"

**Ingimbi (63, 9 km)**
**1.** Nshutiraguma Kevin 01h47'42"
**2.** Nshimiyimana Phocas 01h47'42"
**3.** Shyaka Janvier 01h47'42"

**Abangavu (63, 9 km)**
**1.** Byukusenge Mariatha 01h59'12"
**2.** Uwera Aline 01h59'45"
**3.** Iragena Charlotte 01h59'51"








## CAN 2023 : Amavubi yongeye kunganya na Benin, Senegal yabonye itike

Taliki 29 Werurwe 2023, ikipe y'u Rwanda "Amavubi" yakinnye na Benin umukino wo kwishyura mu itsinda L mu gushaka itike ya CAN 2023 izabera muri Cote d'Ivoire umwaka utaha muri Mutarama na Gashyantare 2024.

Mu mukino wabereye kuri Kigali Pele Stadium, ikipe y'u Rwanda yanganyije na Benin igitego 1-1. Igitego cya Benin cyatsinzwe na Jodel Harold Oluwafemi Dossou ku munota wa 57 naho igitego cy'u Rwanda gitsindwa na Manzi Thierry ku munota wa 71.

Aya makipe yombi yari yanganyije igitego 1-1 no mu mukino ubanza wabereye i Cotonou muri Benin taliki 22 Werurwe 2023.

Muri iri tsinda ikipe ya Senegal yitwaye neza itsinda Mozambique imikino yombi. Umukino ubanza i Dakar taliki 24 Werurwe 2023, Senegal yatsinze Mozambique ibitego 4-1, mu mukino wo kwishyura i Maputo taliki 28 Werurwe 2023, Senegal itsinda Mozambique igitego 1-0.

Muri iri tsinda, ikipe ya Senegal iyoboye urutonde n'amanota 12 ikaba yaramaze no kubona itike. Ku mwanya wa kabiri hari ikipe ya Mozambique n'amanota 4, u Rwanda ku mwanya wa gatatu n'amanota 3 naho Benin iri ku mwanya wa 4 n'amanota 2.

Aya makipe yose uko ari 3 akaba agifite amahirwe yo kubona itike mu gihe yakwitwara neza mu mikino ibiri isigaye. Ikipe y'u Rwanda muri Kamena 2023 izakira Mozambique nyuma muri Nzeri 2023 ikine na Senegal umukino usoza naho Benin muri Kamena 2023 izakina na Senegal, muri Nzeri 2023 isoze ikina na Mozambique.



## Rally: Mwami Muzamiru yegukanye Huye Rally 2023

Mwami Muzamiru ukomoka muri Uganda wari utwaye imodoka ya Subaru Impreza N8 ni we wegukanye isiganwa ry'imodoka ryabereye i Huye "Huye Rally 2023".

Iri siganwa ryatangiye taliki 24 risozwa 26 Werurwe 2023 aho ryari ryitabiriwe n'imodoka 11 hasoza 3.

Nyuma y'uduce 10 twakinwe mu ntera ya kilometero 170, Mwami Muzamiru yasoreje ku mwanya wa mbere aho yakoresheje amasaha 2, iminota 8 n'amasegonda 40.

Ku mwanya wa kabiri hasoreje, Remezo Christian ukomoka i Burundi wari kumwe na Remezo Jonathan aho bakoresheje amasaha 2, iminota 27 n'amasegonda 18.

Ku mwanya wa 3 hasoreje Kalimpinya Queen wari kumwe na Ngabo Olivier akaba ari Abanyarwanda. Bakoresheje amasaha 2, iminota 31 n'amasegonda 23.

Gakwaya Jean Claude na Mugabo Jean Claude begukanye Huye Rally ubwo yaherukaga gukinwa muri 2019 ntabwo basoje isiganwa.

Irushanwa rizakurikiraho rizaba muri Kamena 2023 ribere mu Karere ka Rulindo "Nyirangarama Rally 2023".






# **Cricket :** Challengers CC ikomeje kwitwara neza muri "Dafabet RCA T10 Men's Tournament 2023"

Ikipe ya Challengers CC ikomeje kwitwara neza mu irushanwa "Dafabet RCA T10 Men's Tournament 2023" aho rigeze ku munsi wa 3.

Iri rushanwa ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Cricket mu Rwanda "RCA" ku bufatanye na Dafabet ryitabiriwe n'amakipe 6 asanzwe akina shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo ari yo Challengers CC, Right Guards CC, Zonic Tigers CC, Kigali CC, Telugu Royals CC na IPRC Kigali CC.

Taliki 18 na 19 Werurwe 2023 habaye imikino y'umunsi wa mbere n'uwa kabiri hanyuma taliki 26 Werurwe 2023 habaye imikino y'umunsi wa 3.

Mu mikino yabaye, ikipe ya IPRC Kigali yatsinze Kigali CC.

**IPRC KIGALI CC**

**83/5** (10.0 Ov)

**KIGALI CRICKET CLUB.**

**58/8** (8.3 Ov)

IPRC Kigali CC won by 25 runs

Ikipe ya Right Guards CC yitwaye neza itsinda Zonic Tigers CC.

**RIGHT GUARDS CC**

**52/7** (10.0 Ov)

**ZONIC TIGERS CC**

**56/3** (8.4 Ov)

Zonic Tigers CC won by 7 wickets

Ikipe ya Challengers CC yatsinze Telugu Royals CC.

**TELUGU ROYALS CC**

**66/7** (10.0 Ov)

**CHALLENGERS CC**

**68/2** (7.1 Ov)

Challengers CC won by 8 wickets

Nyuma y'iyi mikino y'umunsi wa 3, ikipe ya Challengers CC ikomeje kuyobora urutonde by'agateganyo n'amanota 6, ikurikiwe na IPRC Kigali CC na Zonic Tigers CC zifite amanota 4. Ku mwanya wa 4 hari Right Guards CC n'amanota 2 inganya na Telugu Royals CC iri ku mwanya wa 5 naho ku mwanya wa 6 hari Kigali CC idafite inota na rimwe.

League Matches (League Matches)

| # | Team | Mat | Won | Lost | Drawn | Tied | N/R | NRR | For | Against | Pts |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Challengers CC | 3 | 3 | 0 | 0 | 0 | 0 | 1.815 | 256/25.1 | 234/28 | 6 |
| 2 | IPRC Kigali CC | 3 | 2 | 1 | 0 | 0 | 0 | 0.796 | 236/28.2 | 226/30 | 4 |
| 3 | Zonic Tigers CC | 3 | 2 | 1 | 0 | 0 | 0 | 0.350 | 180/28.4 | 168/28.2 | 4 |
| 4 | Right Guards CC | 3 | 1 | 2 | 0 | 0 | 0 | -0.102 | 204/28 | 197/26.4 | 2 |
| 5 | Telugu Royals CC | 3 | 1 | 2 | 0 | 0 | 0 | -1.114 | 204/30 | 215/27.1 | 2 |
| 6 | Kigali Cricket Club. | 3 | 0 | 3 | 0 | 0 | 0 | -1.333 | 184/30 | 224/30 | 0 |

Imikino y'umunsi wa 4 n'uwa 5 biteganyijwe ko izakinwa mu mpera z'iki Cyumweru taliki 01 na 02 Mata 2023. Aya makipe nyuma yo gukina hagati yayo, ikipe ya mbere n'iya kabiri zizahatanira igikombe, taliki 15 Mata 2023. Imikino yose igomba kubera kuri Sitade Mpuzamahanga ya Gahanga.








# Swimming : Ikipe ya Mako Sharks yatangije irushanwa rizakinwa mu byiciro bitatu

Ikipe ya Mako Sharks SC ikorera muri Green Hills Academy i Nyarutarama mu Mujyi wa Kigali yatangije irushanwa "Mako Sharks Swimming League" rizakinwa mu byiciro bitatu mu rwego rwo gufasha abakinnyi kuzamura impano no kongera amarushanwa.

Taliki 26 Werurwe 2023 ni bwo habaye irushanwa ry'umunsi wa mbere "Mako Sharks Swimming League Day 1". Muri Kamena 2023 hazaba irushanwa ry'umunsi wa kabiri hanyuma rizasozwe hakinwa umunsi wa 3 mu Kwakira 2023 ari nabwo abakinnyi bitwaye neza bazahabwa ibihembo hakurikijwe amanota bagiye babona mu marushanwa yose uko ari atatu.

Ku munsi wa mbere w'iri rushanwa hitabiriye abakinnyi barenga 100 baturutse mu makipe y'imbere mu gihugu arimo Vision JN yo mu Karere ka Rubavu, CS Karongi, CS Kigali na Mako Sharks yariteguye.

Aba bakinnyi bahatanye mu byiciro bitandukanye by'imyaka guhera ku bari munsi y'imyaka 10 kugeza ku bakuru mu buryo bwo Koga butandukanye burimo Gukura umusomyo "Freestyle", Koga Bunyugunyugu "Butterfly", Koga Makeri "Breaststroke" no Koga Ngarama "Backstroke".

Uretse abakinnyi bahatanye ku giti cyabo habaye no guhatana mu rwego rw'amakipe aho bavangaga uburyo bwo Koga butandukanye.

Umuyobozi w'ikipe ya Mako Sharks, Bazatsinda James yavuze ko gutegura irushanwa muri ubu buryo babibonye ahandi bateye imbere na bo basanga ari uburyo bwiza bwabafasha gutegura irushanwa rikomeza aho gukina umunsi umwe gusa.

Yakomeje avuga ko ibi bizatuma abakinnyi bakorana umuhate bitume bazamura impano zabo cyane cyane abakiri bato kuko ari ho hari icyizere cy'ejo hazaza cy'iterambere ry'umukino wo Koga.

Bazatsinda yavuze ko umunsi wa mbere w'iri rushanwa witabiriwe birenze n'uko bari babyiteze. Avuga ko kandi aba bakinnyi ari bo bazakina irushanwa rya kabiri muri Kamena 2023 ndetse n'irushanwa risoza mu Kwakira 2023.

Mu gusoza, Bazatsinda avuga ko hari amakipe yo hanze y'u Rwanda yifuje kuzitabira, abakinnyi bayo bakazarushanwa ariko ntibazahabwe ibihembo kuko bazaba batarakinnye amarushanwa abiri abanza gusa avuga ko nibabyifuza bazatangirana n'irushanwa rya mbere umwaka utaha wa 2024.

Perezida w'ishyirahamwe ry'umukino wo Koga mu Rwanda "RSF", Girimbabazi Rugabira Pamela yashimiye ikipe ya Mako Sharks yateguye iri rushanwa avuga ko n'andi makipe akwiye kuyigiraho akajya ategura amarushanwa mu rwego rwo guteza imbere uyu mukino mu gihugu ndetse no ku rwego Mpuzamahanga.







RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave